Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburasirazuba
**Akarere ka Rwamagana**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rwamagana buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko bwifuza gutanga akazi ku myanya 60 mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

**Kugirango umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:**

(a) Ari Umunyarwanda;
(b) Yabisabye ku bushake;
(c) Agejeje nibura ku myaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 25;
(d) Ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
(e) Atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;
(f) afite impamyabushobozi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
(g) Afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta;
(h) Atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta; kandi
(i) Yatsinze ibizamini byo kwinjiza abakozi muri DASSO.
**Icyitonderwa**: Icyakora, umuntu ufite ubumenyi bwihariye ashobora guhabwa akazi muri DASSO, hadakurikijwe ibivugwa mu gika cya (1) (c) na (i) cy'iyi ngingo.

**Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ifishi isaba akazi yujuje neza iboneka k'urubuga rw'Akarere ka Rwamagana ;
2. Fotokopi y'impamyabumenyi itariho umukono wa Noteri;
3. Icyemezo cyo kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'Umurenge
4. Icyemezo gitangwa na Muganga wemewe na Leta mu Rwanda
5. Icyemezo kigaragaza impamvu yasezerewe mu nzego z'umutekano (**ku bigeze kuzikoramo**)
6. Fotokopi y'indangamuntu

   Inyandiko zisaba akazi zizagezwa mu Bunyamabanga Rusange bw'Akarere kuva kuwa 08/03/2024 kugeza kuwa 21 /03/2024 Saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00).

Bikorewe I Rwamagana, kuwa 07/03/2024

**MUTESI Priscah**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rwamagana**

**P.o. Box: 24 Rwamagana** **Toll Free: 3836** **E-mail : info@rwamagana.gov.rw**